

IKEREKEZO CY'A MILLENNIA2015.

Kugira ikerekezo cy'ahazaza si ukwibeshya; ni ishusho y'ahazaza hifuzwa isangiwe kandi igasobanurwa mu magambo yumvikana. Ikerekezo k'ikinyagihumbi cya 2015 cyakozwe bishingiye kubyifuzo byinshi bishingiye kukerekezo cy'ikinyagihumbi cya 2015.

www.millennia2015.org/Macro_Issues). Iki kerekezo cyemejwe kandi gihabwa agaciro n'inama ibanza y'umuryango mpuza mahanga yabereye ku kicaro cya UNESCO I Paris ku itariki 3 n'enyere 4 Ukuboza 2012, mbere yuko gitangazwa mu ruhande mpuzamahanga rw'ikinyagihumbi cya 2015. Ubusobanuro ubwabwo ni uko ari mu magambo, ariko ni uburyo bwo kuzagera ku kerekezo ubwacyo; kizashyirwa mubikorwa hakurikijwe

imigabane cyangwa uturere kuburyo umusaruro wacyo uzaba ujyanye n'ibikenewe ahantu hose.

1. INTANGIRIRO

Gushyira hamwe ndetse n'ubumwe bw'abagabo n'abagore mugushyigikira iterambere.

Ntabwo tugerageza gutera imbere tugendeye ku byashize yaba umuryango muri rusange ndetse nabamwe mu bagabo benshi by'umwihariko bakunda kugira imyumvire igayitse kubagore n'abakobwa.

Muby'ukuri abagore baryamana nabo badahuje igitsina, abo bagihuje cya ibitsina byombi bafite abana cyangwa ntabo bagira, iki ni ikbazo cy'umwihariko kandi buri mugore ku isi aba afite uko

ategeka umubiri we; babyara cyangwa batabyara buri mugore wese afite ubushoboi bwo gutanga umuco, ubwenge, gushyira hamwe ndetse inganga gaciri rusange. Abagore n'abakobwa benshi baba bafite indoto zo guzagira umuryango kuva mubuto bwabo, kuzaba ba mutima burugo barambye, kurera abana, kurinda amagara yabo, kubayobora no kubafasha kongera umusaruro mu by'ubukungu uzabafasha kwibeshaho cyangwa kugira ubuzima bwiza.

Abagore ni abanyamwete kandi bagira intege nyinshi bashobora gucunga amagara n'ubuzima bya benshi batitaye kungorane iyo ariyo yose bahura nayo harimo no kuba bakurizamo ubumuga.

Ariko rero hari ikibazo bagira, bateye mu buryo batumvwa ibi byabaye kuva mu ntangiriro z'ubuzima bwa muntu Atari igihe batanga ubuzima gusa ahubwo n'amasura atandukanye yabo y'ubwiza, ubwenge bwabo burema butagira iherezo n'imbaraga

zabo zidasenyuka.

Ikibazo rero cyabo gikomera igihe ari umugore ubana n'ubumuga cya ari umukecuru. Ariko tugomba kumenya ko Buri umwe muri aba afite umwanya mu kinyagihumbi cya 2015, ibi bavugwaho, akarengane, n'ivangura ni bibi uko byagenda kose kandi dufite umwete wo kubihagarika kugirango duharure inzira nshyashya igera ku iterambere rirambye.

Hagati aho ariko ubukene bwo ntabwo buhita igitsina runaka cyangwa se umubare w'abana, ubukene ni nk'inzongera y'irangira; nyuma y'inzara, gusozza n'inyota bya buri mwana hari ikizere, gusozza no kwicwa n'inyota kwa buri mu byeyi. Abagore bashyize imbaraga kenshi mu kugerageza kwibeshaho, baba abahuza mu gihe cy'amakimbirane, ni abahanzi bahazaza hafite amahoro arambye. Uburezi bw'umugore, amagara mazima, guhabwa

uburenganzira bwabo, gucunga umutungo, gufata ibyemezo ndetse no guhabwa ijamba mu bya politiki buri gihe n'inkingi ziterambere n'amahoro. Ariko mu binyejana byatambutse umubare mu nini w'abagore n'abana warahungabanyijwe mu mutwe, imibereho yaburi munsu, mu ntekerezo ndetse ni hohoterwa rishingiye ku gitsina. Bitewe n'uturere abagore n'abakobwa bagiye bicwa, gukuramo inda byagambiriwe, kwicwa kw'abana b'abakobwa ndetse n'ubusambanyi bwibasira abana.

Bagiye bahohoterwa n'ibikorwa bibi bya muntu, kwimwa uburenganzira n'umurage, kwangirwa kwiga, kwangizwa ibice by'imyororokere by'umugore, gushyingirwa ku ngufu kandi bakiri bato kandi bakaba inganzwa mu ngo zabo, guterwa amada badashaka, gukuramo inda byateza ingorane no gupfusha abagabo babo, bitewe no kutabimenya n'ubujiji, bafatwa ku ngufu, bakicwa

nabi imbere y'ingo zabo nabo bagabo n'abahungu bimbumbiye mu mitwe idashira yagisirikare mu bihe by'intambara cyangwa amakimburane yo muturere.

Abagore n'abakobwa benshi bashyirwa mu bucakara n'imiryango bakomokamo ikababuza kwiga, kugera ku bikorwa bijyanye n'ubuzima ndetse n'iterambere mu by'ubukungu.

Abagore benshi ntabwo bafite uburenganzira n'ubwigenge k'umubiri wabo; ntabwo bigishwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, kwicishwa amabuye, uburyo babona imiti ituma udasama cyangwa ikuramo inda igihe bagize ikibazo cy'ihohoterwa no gufatwa ku ngufu. Mu bihugu byateye imbere muri demokarasi abagore bahura n'ibibazo byo kudatuza, kudahembwa kimwe, kutabona uburenganzira buhagije mu gufata ibyemezo bijyanye na politiki ndetse n'ubukungu, kwimwa

imyanya ikomeye yo hejuru mu buyobozi, guhohoterwa ku ingufu ndetse no kudashyira mu bikorwa ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu. Abagore benshi bahindurwa abanyantege nke bigatuma babangamirwa ku hazaza habo. Abagore bagomba kubaka ikiraro hagati y'ababona uburenganzira bwabo buhagije n'abatabubona barenganwa kugirango hakomeze gushimangirwa ubumwe no gushyira hamwe bityo haboneke uburenganzira bungana kuri buri wese.

Ariko muri ubwo buryo bwose ndetse n'igihe cyose, abagore baba bifitemo ubushake n'umwete wo gukora, abagore n'abakobwa ntabwo bibona nk'abanyantege nke ahubwo bakomeza gutera imbere baharanira imibereho myiza y'abana babo ndetse n'imiryango yabo ndetse n'iterambere ry'umuryango mugari wabo. Abagore ni abanyantege nyinshi kandi bashobora gukora ibi

biboroheye cyane. Bakorera hamwe kugirango bunganirane bagakomezwa nogukorera hamwe bakazirikana k'umutima amshyirahamwe y'abagore n'abakobwa abafasha kumva,kongerwamo imbaraga, akabigisha kandi akabafasha gutera imbere. Bagenda bigira kandi bagafata ingero kuri bagenzi babo bagiye baca mungorane bagaharura inzira k'uburenganzira bwa muntu,ubumenyi ,umuco, politiki ndeste n'iterambere ry'ubukungu. Abagore ntibazigera bareka narimwe urugamba rwo guharanira kureshya kwa bose, kubaka ubushobozi ndetse no gusangira ubumunyi kuri bose. Bubaka ikiraro gihuza abo babona uburenganzira bwabo uko babyifuza ndeste nabo barenganwa kugirango barusheho gukomeza ubumwe kandi bagaharanira kubona uburenganzira bungana bw'ikiremwa muntu. Abagore babasha gutanga neza ubwenge, ubumenyi ngiro, ubuhanga

n'imikorere byabo kugirango bateze imbere akarere batuyemo. Nibo bambere mu gushora imbaraga kugirango imyanzuro ishyirwe mu bikorwa mu bihugu byabo nk'umwanzuro w'akanama k'umutekano k'umuryango mpuzamahanga 1325. Abagore ntibigeze batezuka guhagurukira rimwe mu guharanira uburenganzira bwabo.

Isi iri kwinjira mu bihe bishya by'imbaraga, iterambere, umutekano n'amahoro. Uburinganire, kubaka ubushobozi bw'abagore n'uburezi biri mu bishishikaje isi; tugomba gushyira imbaraga hamwe dushishikariza urubyiruko kwiyumva muri izi mpinduka isi igezemo.

Translated by HAKIZIMANA Leon and HAGENA KAKUMBA

Justin from English to Kinyarwanda ■